# IJAMBO RY'UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MINIJUST AKABA N'UMUSHYITSI MUKURU MU MUHANGO WO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE KURWANYA RUSWA

## GUSUHUZA

- **Nyakubahwa Umuvunyi Mukuru**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
- **Nyakubahwa Umuvunyi wungirije**
- **Bayobozi bo mu Nzego za Leta**
- **Bayobozi bandi mu nzego zitandukanye**
- **Muyobozi w'Akarere ka Rwamagana**
- **Baturage b'Akarere ka Rwamagana**

1. Ndagira ngo ntangire **mbasuhuza** kandi mbashimira kuba mwitabiriye uyu muhango. Ndagira ngo kandi mbanze mbagezeho **indamukanyo ya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe** wari wifuje kubana namwe muri uyu muhango, icyakora ntibyamushobokera kubera indi mirimo.

## INSANGANYAMATSIKO

2. Ku nshuro ya 19, uyu munsi tariki ya 9 Ukuboza, Isi yose n'u Rwanda **turizihiza umunsi mpuzamahanga** wahariwe kurwanya ruswa.

3. Ku rwego rw'Isi, insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti **Isi yose ifatanye kurwanya ruswa".**

4. Ni mu gihe ku rwego rw’Igihugu cyacu twihaye insanganyamatsiko igira iti “**Twimakaze indangagaciro zo kurwanya ruswa, inkingi y’iterambere rirambye**”.

## UKO BIHAGAZE MU RWANDA

5. Mu rwego rw’igihugu cyacyu, muzi ko Leta yashyizeho **ingamba zitandukanye zo kurwanya ruswa** zirimo **politiki** yo kurwanya ruswa, **amategeko**, **n’inzego zinyuranye** zishinzwe kurwanya ruswa n’akarengane. Izi ngamba n’ibikorwa bitandukanye byagiye bitanga umusaruro nk’uko ibipimo bigenda bibigaragaza.

6. Icyegeranyo cy’uyu mwaka **cy’ibipimo by’imiyoborere gikorwa n’Urwego rw’Igihugu rw’Imiyoborere RGB** kigaragaza ko **inkingi yo gukorera mu mucyo no kurwanya ruswa** (anti-corruption and transparency pillar) ihagaze neza kuko iri ku manota **87%.** Ni mu gihe umwaka ushize wa 2021 ndetse n’uwa 2020, iyi nkingi yari ku manota **86%**.

7. N’ubwo bimeze gutyo ariko, **ntabwo ruswa iracika** ndetse urugendo rwo kuyirwanya ntiruhagarara. Ubushakashatsi bwakozwe n’Urwego rw’Umuvunyi muri 2020 (Baseline study on corruption in Rwanda) bwagaragaje ko **gutanga amakuru kuri ruswa bikiri hasi cyane** mu baturage. Byagaragaye ko abaturage batanga amakuru kuri ruswa bagera ku **9.6%.** Byaba ari mahire babaye ari bo bonyine gusa bahuye na ruswa. Ariko abahuye nayo ari benshi bagahitamo kwicecekera byaba ari bibi.

8. Ni muri urwo rwego uyu munsi twahisemo **kwifatanya n’abaturage b’Akarere ka Rwamagana nka kamwe mu Turere**

**turi ku isonga mu bikorwa byo kurwanya Ruswa**. Muzi ko mu irushanwa ryakoreshejwe n'Urwego rw'Umuvunyi binyuze mu Nama Ngishwanama zo Kurwanya Akarengane na Ruswa mu Turere, Inama Ngishwanama y'Akarere ka Rwamagana ariyo yahize utundi Turere mu Ntara y'Iburasirazuba. Ndagira ngo mbashimire iyo ntambwe nziza.

## IBYUHO/INZIRA RUSWA IGARAGARIRAMO

- **Ba nyakubahwa bayobozi**
- **Baturage b'Akarere ka Rwamagana**

9. Sinshidikanya ko mwese muzi icyo ruswa ari cyo n'ingaruka mbi zayo. Hari **inzira nyinshi Ruswa igaragariramo**. Muri izo nzira harimo:

i. **Gusaba cyangwa gutanga indonke**; kugira ngo uhabwe serivisi runaka kandi iyo serivisi wari uyikwiye nk'umugenerwabikorwa. Hari kandi n'abatanga ruswa kugira ngo babone Serivisi batari bakwiye guhabwa. Ibyo bikaba guhabwa ibyo utagenewe.

ii. **Kunyereza ibya rubanda**; aho umuntu bamushinga gucunga ibya rubanda akabinyereza. Ibi bituma abo bya bintu byari kugirira akamaro bitabageraho, ubukungu bw'igihugu n'abaturage bacyo bukadindira.

iii. **Kudasobanura inkomoko y'umutungo**; aho hari abagira imitungo bagatangira kuyandikisha ku bandi bayihisha, kugira

ngo batazabazwa aho bayikuye. Ibyo byose tugomba kubyamagana, no kubitunga agatoki aho tubibonye.

iv. **Gukoresha nabi ububasha wahawe** mu nyungu zawe cyangwa gukoresha nabi icyubahiro wahawe ukakigira igitinyiro. Bakugira umuyobozi runaka, ukabyifashisha wambura abandi utwabo, ubatera ubwoba ngo bagire ibyo baguha, ukihesha cyangwa ukiha ibyo ugenewe n'ibyo utagenewe.

## INGARUKA ZA RUSWA

10. Ruswa ni mbi cyane, kuko igira ingaruka nyinshi, haba ku baturage no ku Gihugu muri rusange. **Mu ngaruka mbi zayo harimo**:

i. **Akarengane**: Ruswa ntitandukana n'akarengane.

ii. **Kudindiza iterambere**: imitungo inyerezwa, ibikorwaremezo ntibikorwe, Ruswa ni umwanzi w'Igihugu, kuko isenya iterambere ryacyo, imitungo ya Leta ikanyerezwa, ibikorwa remezo ntibigerweho cyangwa byakorwa ntibirambe;

iii. **Kudindiza imibereho myiza y'Abaturage**: Iyo igihugu cyamunzwe na ruswa, ntigishobora kwita ku mibereho myiza y'abaturage, kuko kitabona amafaranga kibikoresha;

iv. **Kubangamira umutekano w'Igihugu**; ahari Ruswa haba umutekano muke mu Gihugu, abaturage bakamburwa utwabo, abanyabyaha bagahabwa icyicaro kubera ruswa batanga;

v. **Gutakariza Igihugu n'abayobozi icyizere**: Ruswa ituma Abaturage, amahanga, abafatanyabikorwa n'abashoramari batakariza Ubuyobozi n'Igihugu icyizere.

## ICYO DUSABA UMUTURAGE

**Bayobozi muteraniye hano**
**Baturage b'Akarere ka Rwamagana**

11. Ruswa ni umwanzi w'Igihugu n'uw'iterambere. **Tugomba kuyifata dutyo kandi tukayirwanya nk'umwanzi.** Kubera iyo mpamvu tugomba kuyirinda, kuyanga, kuyamagana, kuyitunga agatoki, kandi tugahana n'ababiteshutseho. Ituma

12. Umuco nyarwanda ufite **indangagaciro na kirazira** zidufasha kwirinda no kurwanya ruswa. Mu muco nyarwanda, Umunyarwanda arangwa no **gukunda Igihugu, ubupfura, ubwangamugayo, ukuri, ubutwari** n'izindi. Umuntu urangwa n'izo ndangagaciro ntarya ruswa. Ntashyira inyungu ze imbere y'iz'Igihugu n'iz'Abaturage muri rusange. Ntagira umuco wo kwikubira, ahubwo aharanira gusangira n'abandi, kwiyubaha, kubaha abandi no guharanira uburenganzira bwa buri wese.

13. Indangagaciro mvuze zizirana n'inda nini, ubusambo, umururumba n'ibindi nkabyo. **Tuzigishe abana bacu kuva bakiri bato, bakure banga ruswa, bakure bakunda umurimo, kandi**

**bakure bakunda ukuri, banga ikinyoma.** Mbere yo kuzigisha abana bacu ariko, tubanze natwe tuziyubakemo, abazitaye bazigarukire, kuko urugero ari rwo rwigisha. Kora ndebe iruta vuga numve. Twirinde rero kwigisha abato ikibi kuko uwiba ahetse aba abwiriza uwo mugongo. Indangagaciro tuzigishe abana n'urubyiruko mu ngo, mu midugudu, mu mahuriro tubamo, mu mashuri, aho abantu basengera n'ahandi hose hashoboka.

14. Abanyarwanda ntitugomba kwihanganira ruswa nk'uko n'**ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwafashe iya mbere mu kuyirwanya. Mwumva ko buri gihe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika abidukangurira.** Umuyobozi urya ruswa ntimugomba kumwihanganira. Mugomba kumutungira agatoki inzego zimukuriye cyangwa inzego zishinzwe kurwanya ibyaha, agahanwa.

15. Abantu ntibakwiye kugira kandi ubwoba bwo **gutanga amakuru kuri ruswa,** kuko hari inzira nyinshi zo gutanga amakuru. Harimo no kuba **watanga amakuru mu ibanga**, kandi Urwego ushyikirije amakuru rukagira inshingano yo kukubikira iryo banga. Ibigo hafi ya byose bigira za telefoni zitishyurwa, urahamagara bakakira amakuru yawe, ubundi bakayakurikirana, cyangwa bakayageza aho akwiye kugera.

16. Inzego zose ntacyo zageraho zitagiye zihabwa amakuru namwe kugira ngo ibikorwa bya ruswa bihanwe, bityo ihashywe. **Leta ikeneye ubufatanye bw'abaturage mu guhashya ruswa**. Kudakurikiza umurongo watanzwe wo kwanga ruswa ni ugutenguha Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mwitoreye, kuko ashaka u Rwanda ruzira ruswa, kandi imvugo ikaba ingiro.

## ICYO DUSABA ABAYOBOZI

**Bayobozi muteraniye hano**
**Baturage b'Akarere ka Rwamagana**

17. Ndagira ngo nsabe **n'abayobozi namwe, ngo murusheho kurangwa n'indangagaciro nyarwanda**. Mube inyangamugayo, mube abizerwa n'abaturage babatoye cyangwa uwabagiriye icyizere abashyiraho. Ntukabe Umuyobozi ukebaguza wikanga ko hari ukubona mu migirire ya ruswa. Urihisha ariko amaherezo ukagaragara. Kuba inyangamugayo ni byo bizaguhesha icyubahiro no kugenda wemye, kandi ukavuga ntacyo wishisha, ndetse n'abaturage bakakugirira icyizere.

18. Ndagira ngo kandi mbasabe rwose **ntimugasiragize abaturage** babagana bashaka serivisi kuko kumusiragiza bishobora gutuma atekereza ko ari ruswa uri kumushakaho.

## GUSOZA

19. Mu gusoza ndagira ngo **nongere mbashimire mwese kuba mwitabiriye uyu muhango. ndabasaba ko ubutuma bwatangiwe aha butaba amasigara-kicaro.** Mu bugeze no ku batari hano kandi mwese, natwe twese duharanire gufataniriza hamwe kugira ngo tugire Igihugu kizira ruswa.

Mugire amahoro.